Ibyangombwa bikenerwa mu gihe cy'imenyesha muri Gasutamo ni ibihe?

Ibyangombwa by'ingenzi mu kumenyekanisha ibintu muri Gasutamo ni ibi bikurikira:

1. Inyemezabuguzi y'ibicuruzwa y'umwimerere
2. Urupapuro rugaragaza urutonde rw'ibyapakiwe
3. Urupapuro ruherekeza ibicuruzwa byaje mu nzira y'amazi cyangwa mu ndege
4. Icyemezo cy'inkomoko y'ibicuruzwa iyo ari ngombwa (COMESA/EAC)

Ibibazo bikunze kugaragara mu imenyekanisha

- Gutubya agaciro k'ibicuruzwa
- Gushyira igicuruzwa muri tarifu aho kitagomba kujya hagamijwe kunyereza umusoro
- Guha igicuruzwa inyito itari iyacyo hagamijwe kunyereza umusoro
- Guhimba inkomoko y'Ibicuruzwa
- Gucura inyandiko ziherekeza ibicuruzwa

Ubworoherezwe buhabwa abatumiza ibicuruzwa mu mahanga

- Kwihutisha imenyekanisha ry'ibicuruzwa bivuye n'ibijya mu mahanga by'abacuruzi b'inyangamu-gayo (Gold Card Scheme),
- Kwihutisha imenyekanisha ry'ibicuruzwa by'abatumiza ibintu hanze b'indashyikirwa (Authorized Economic Operator Program (AEO)
- Kwemererwa gukura ibicuruzwa muri Gasutamo utarishyura imisoro cyangwa umaze kwiyishyura ariko hakiri ibisabwa ngo imenyekanisha rirangire,
- Kwemererwa gupakururira ibicuruzwa kwa nyirabyo atanze cyangwa adatanze ingwate.

Kamena, 2018

RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT
Kimihurura, KG 4 Ave 8
P.O.Box 3987 Kigali, Rwanda
3004 www.rra.gov.rw @rrainfo

GUSORERA IBICURUZWA BITUMIZWA HANZE

IRIBURIRO

Iyi nyandiko igamije gutanga amakuru ajyanye n'isoreshwa ry'ibicuruzwa byinjira mu gihugu bivuye hanze, turasobanukirwa n'icyo gutumiza ibicuruzwa hanze bivuze, ibyangombwa bisabwa mu kumenyekanisha ibintu biguzwe hanze y'igihugu. Murasobanukirwa neza iyubahirizwa ry'inshingano n'uburenganzira ku batumiza ibicuruzwa mu mahanga ndetse n'abafasha mu kumenyekanisha ibicuruzwa bituruka cyangwa byoherezwa mu mahanga.

Gutumiza ibintu hanze bisobanuye iki?

Gutumiza ibintu hanze ni igikorwa cyo kwinjiza mu gihugu ibicuruzwa cyangwa serivisi biturutse mu kindi gihugu bigamije kugurishwa cyangwa gukoreshwa ibindi.

Utumiza ibintu ni nde?

Utumiza ibintu ni umuntu wese winjiza mu gihugu ibintu cyangwa serivisi biturutse mu kindi gihugu bigamije kugurishwa cyangwa gukoreshwa ibindi.

Ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga bimenyekanishi-rizwa he?

Ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga bimenyekanishirizwa mu biro bya Gasutamo biri ku mipaka, ibyambu, ku bibuga by'indege no mu bihugu bigize umuryango w'ubucuruzi w'ibihugu by'afurika y'Iburasirazuba.

Inshingano zo gukora imenyekanisha ku batumiza ibintu hanze y'igihugu

- Iyo ibicuruzwa bigeze muri Gasutamo, Uwabitumije ashyikiriza umwunganira impapuro ziherekeje ibicuruzwa kugirango amukorere imenyekanisha muri Gasutamo;
- Nyir'ugutumiza ibintu agomba kwishyura imisoro n'amahoro amaze kubona inyandiko imenyesha umusoro;

- Iyo Gasutamo irekuye ibicuruzwa Nyir'ibicuruzwa ahita atwara ibicuruzwa bye;
- Nyir'ugutumiza ibicuruzwa aryozwa amakosa yakorwa n'umuhagarariye mu kumenyekanisha muri Gasutamo;
- Utumiza ibintu asabwa kubika neza impapuro n'ibyangombwa byerekeranye n'ubucuruzi bwe;
- Utumiza ibintu hanze asabwa kubahiriza ibiteganwa n'amategeko yose areba Gasutamo n'andi mategeko.

Uwunganira abantu muri Gasutamo ni muntu ki?

Uwunganira abantu muri Gasutamo ni umuhuza hagati y'umucuruzi n'ubuyobozi bwa za Gasutamo. Ahabwa uburenganzira bwo kunganira abatumiza n'abohereza ibicuruzwa mu mahanga na Komiseri wa za Gasutamo. Uwunganira muri za Gasutamo abatumiza n'abohereza ibicuruzwa mu mahanga akora imenyekanisha ry'ibicuruzwa n'imizigo abacuruzi batumiza cyangwa bohereza mu mahanga byaba binyuze mu mazi, ku butaka cyangwa mu kirere.

Hashingiye ku mategeko ya za Gasutamo, abatumiza ibintu mu mahanga bifashisha abunganira abatumiza n'abohereza ibintu mu mahanga mu gukora imenyekanishamusoro. Umukozi wunganira abatumiza n'abohereza ibintu mu mahanga anabafasha kubona uburenganzira bwo kwinjiza no gusohora ibicuruzwa cyangwa imizigo yabo muri Gasutamo.

Ni izihe nshingano z'abunganira abatumiza n'abohereza ibintu mu mahanga?

- Kugaragaza iyo bisabwe n'ubuyobozi bwa za Gasutamo uburenganzira yahawe n'ikigo cyangwa abantu akorera bumwemerera gukora nk'umwunganizi muri Gasutamo;
- Kudahagararira usora muri Gasutamo mu bikorwa ibyo ari byo byose adafitiye ububasha bikorwa n'umukozi wa Gasutamo cyangwa umukozi w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyangwa urundi rwego rwa Leta.
- Gufasha mu gusobanurira uwo yunganira ingaruka zo kutubahiriza amategeko, amakosa yakozwe cyangwa kuba ibyangombwa bisabwa bituzuye no kugaragariza umukozi wa Gasutamo mu nyandiko imiterere y'ikibazo;
- Gukosora ahagaragaye amakosa hatangwa amakuru nyayo mu imenyekanisha ry'ibyinjizwa mu gihugu;
- Kudatanga amakuru atuzuye ku bo yunganira ku bijyanye n'imikorere ya za Gasutamo;
- Kwishyura ku gihe iyo bibaye ngombwa ubwishyu bwose bw'amahoro, imisoro cyangwa imyenda n'inshingano muri Leta hakurikijwe imikorere ya za Gasutamo;
- Kutagerageza kubangamira imikorere y'umukozi wa za Gasutamo haba mu kubangamira imikorere ye, gutanga ruswa, impano cyangwa ibintu by'agaciro;
- Kudahirahira haba mu buryo buziguye cyangwa butaziguye gutunga no gutangaza amakuru abitswe na Gasutamo cyangwa urundi rwego rwa Leta atabiherewe uruhushya n'urwego bireba;
- Kudakoresha ububasha ubwo aribwo bwose haba mu kwemeza cyangwa guhagararira cyangwa ibifitanye isano n'imirimo yo kwemeza uburenganzira:
- Ku muntu inyandiko ye isaba uburenganzira cyangwa ibyangombwa byemerera umuntu umurimo wo kunganira abandi muri Gasutamo byanzwe;
- Umuntu uwo ariwe wese wambuwe uburenganzira cyangwa uwambuwe uburenganzira bwo kunganira abandi muri za Gasutamo byaba biturutse ku myitwarire ye, y'uwo bafatanya, umuyobozi, ikigo,...
- Kutaguriza amafaranga umukozi w'ikigo cy'imisoro n'amahoro cyangwa kumubera umwishingizi ku bwishyu bw'umwenda wafashwe n'umukozi w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro ; no
- Kumenyesha ubuyobozi bwa za Gasutamo impinduka iyo ariyo yose y'ikicaro cy'aho akorera mbere y'uko biba.